ISHENGERERA RY'UKARISTIYA RISABIRA

IMIHAMAGARO

Mariya, Nyina wa Jambo akaba na Nyina w'imihamagaro

Image: Rogationist Archive 2025

1. INTANGIRIRO

Umuyobozi : Bavandimwe, muri uku kwezi na none twongeye guhurira imbere ya Yezu mu Ukaristiya, kugira ngo dukomeze urujyendo rwacu rudutegura kwizihiza ivuka mu ijuru rya Mutagatifu Anibale Mariya Di Francia, tuzizihiza ku ya mbere Nyakanga 2027.

Nk'abagize Umuryango umwe wa Rogate(Nimusabe)- abihayimana ndetse n'abalayiki- turifuza kubaho iki gihe nk'impano ;nk'inzira idufasha kongera kurushaho gucukumbura ubwiza bw'indangabutumwa yacu, imbaraga z'isengesho risaba imihamagaro n'ubwuzu bw'umutima wa Yezu agaragariza abato n'abakene.

Bityo ishengerera rya buri kwezi rikaba intambwe, ni ukuvuga umwanya wo kwemera kumurikirwa na Jambo, kuyoborwa n'Umubyeyi Mariya no kujyendana na Mutagatifu Anibale, kugira ngo ubuzima bwacu ndetse n'ubutumwa bwacu birusheho kurumbuka imbuto buri munsi.

Uyu mwanya w'isengesho tuwinjiranemo umutima wirekuye, tudashidikanya ko Nyagasani akomeje guhamagara no gutanga ubuzima mu muryango wacu wa Rogate (Nimusabe).

Twakire Nyagasani uje muri twe turirimba

Gushengerera bucece

2. ISENGESHO RY'INTANGIRIRO

Turakuramya Nyagasani Yezu, Jambo Uhoraho wa Data, Rumuri rumurikira buri muntu. Turakuramya mu iyobera ryo kuvuka kwawe, Aho ukwicisha bugufi kwawe kuduhishurira urukundo rwa Data. Turakuramya bucece mu Ukaristiya, Aho ukomeza kwigira umubiri ku bwacu. Ha imitima yacu kukwirekurira, Nk'uwa Mariya, Kugira ngo tukwakire kandi dutange ubuzima muri Kiliziya ndetse no mu isi. Amen

3. GUTEGA AMATWI IJAMBO RY'IMANA

Umuyobozi: Ijanjili y'icyumweru cya kabiri cya Noheli iratwinjiza mu iyobera rya Jambo wabanaga n'Imana, kandi akaba Imana, yigira umuntu maze atura muri twe. Ntabwo ari igitekerezo cyangwa inkuru mbarirano, yaraje abaho muri twe, ku buryo bugaragara. Uko kuza mu isi muri twe tubikesha « yego » ya Bikira Mariya, Umubyei wakira akabika kandi agatanga.

Ivanjili Ntagatifu uko yanditswe na Yohani *(Isomo rigufi: Yn 1,1-5.9-14)*

Mu ntangiriro ya byose Jambo yariho, kandi Jambo yabanaga n'Imana, kandi Jambo akaba Imana. Ubwe mu ntangiriro yabanaga n'Imana. Ni we ibintu byose bikesha kubaho, nta n'ikiremwa na kimwe cyabayeho bitamuturutseho. Yari asanzwe yifitemo ubugingo, kandi ubwo bugingo bukaba urumuri rw'abantu. Nuko urumuri rumurika mu mwijima, ariko umwijima wanga kurwakira. Jambo ni we wari urumuri nyakuri, rumurikira umuntu wese uza kuri iyi si. Yari mu isi, kandi isi yabayeho ku bwe, ariko isi irarenga ntiyamumenya. Yaje mu bye, ariko abe ntibamwakira. Nyamara abamwakiriye bose, yabahaye ububasha bwo guhinduka abana b'Imana, abo ni abemera Izina rye. Ntibavutse ku bw'amaraso cyangwa ku bushake bw'umubiri, cyangwa se ku bushake bw'umuntu, ahubwo bavutse ku bw'Imana. Nuko Jambo yigira umuntu maze abana natwe, kandi twibonera ikuzo rye, ikuzo Umwana w'ikinege akomora kuri Se, akaba asendereye ubuntu n'ukuri.

Iyo ni Ivanjili Ntagatifu.

Bose : **Uragasingizwa Kristu**

4. KUZIRIKANA HAMWE

Umuyobozi : Tumurikiwe n'intangiriro y'ivanjili ya Mutagatifu Yohani, reka tuyoborwe n'ububyeyi bwa Mariya nk'urufunguzo rudufasha kwinjira mu muhamagaro wa Noheli.

Umusomyi : dutege amatwi ibyo mutagatifu Anibale atwibutsa :

« Mariya Mutagatifu, Umubyeyi w'Imana, yabaye ubushyinguro bwa mbere bugaragara bwa Jambo wigize umuntu, maze mu nda ye y'isugi huzurizwa iyobera risumba ayandi yose mu ijuru no ku isi : Imana yigira umwana kugira ngo idukize ».

Mu Ivanjili twimvise ko « Jambo yaje gutura muri twe ». Mariya ni ubutaka uwo Jambo yatuyemo. Ububyeyi bwe ni umuhamagaro uzira amakemwa urangwa no kwakira, gutega amatwi no kwemera gukora ugushaka kw'Imana.

inyikirizo : Oh, oh, oh, adoramus Te, Domine (cg indi isa nayo)

Umusomyi : Mutagatifu Anibale arakomeza :

«Turangamire Umubyeyi w'isugi muri iki gihe cya Noheli ntagatifu : araduha Yezu, rumuri rw'isi. Tumwegere kugira ngo twakire Umwana w'Imana, dufite ukwemera, ukwicishabugufi n'urukundo nk'ibyo yamwakiranye mu nda ye.»

Dore uko umuhamagaro uvuka :

· Igihe twemereye Jambo gutura muri twe;

· Igihe twemereye Imana kuvutsa muri twe icyo twebwe ubwacu twenyine tutabasha kuvutsa;

· Igihe duhindutse inda zakira, zikabika kandi zigatanga.

Inyikirizo : Oh, oh, oh, adoramus Te, Domine (cg indi)

Umusomyi : Mariya ni ishusho y'ubuzima bwacu kuko

· Atwigisha kuvuga « karame » tutazi ikidutegereje mu gihe kizaza;

· Adutoza kugira ukwizera mbere yo gusobanukirwa;

· Aduhamagarira kubyara Kristu mu mateka tubinyujije mu butumwa bwacu bwo kurera, bw'ibikorwa by'urukundo, ndetse n'ubwo dukorera mu rugo mu mubano n'abavandimwe.

Noheli ni igihe Imana ivuka mu isi, ariko ni n'igihe yifuza kuvukira muri twe. Ingo zacu rero nka Mariya zikaba zihamagarirwa kuba inda z'imihamagaro : ingo zakira, zigaherekeza cyangwa zikayobora, ingo zirinda kandi zigatanga.

Inyikirizo : Oh, oh, oh, adoramus Te, Domine (cg indi isa nayo)

Umuyobozi : Muri aka kanya, imbere ya Jambo wigize umuntu, aho ari hano mu Isakaramentu Ritagatifu, tumwemerere atahe mu mitima yacu.

Twese : Nyagasani Yezu, wowe wahisemo kuza mu isi unyuze mu nda ya Bikira Mariya, tugire natwe inda zakira ugushaka kwawe.

Emera ko ubuzima bwacu nk'abakwihaye, buba indorerwamo y'urumuri rwawe, bugaragaze ubwuzu bwo kubana nawe n'ubwicishebugufi bwo kwigira umuntu kwawe. Vugurura muri twe ibyishimo by'imihamagaro yacu nk'abakwihaye ndetse n'abashakanye, maze uduhe kubyara nka Bikira Mariya, imihamagaro ibereye Kiliziya ndetse n'isi. Amen

Tureke Ijambo rimanukire mu mitima yacu.

Tureke Jambo atubwire ducecetse.

Twemerere Umubyeyi Mariya kudufasha gutuza nka we

Gushengerera bucece

5. ISENGESHO RYO GUSABA ABAKOZI BEZA

(dupfukamye)

Umuyobozi : Bavandimwe, muri uyu mwanya reka dutakambire Nyagasani dusabira imihamagaro. Mu iyobera rya Noheli, Imana ikomeza guhamagara, kumurikira abantu ndetse no gutanga ubuzima bushya. Hamwe na Bikiramariya, Nyina wa Jambo akaba n'umubyeyi w'imihamagaro, dusabe Imana yohereze abakozi benshi muri Kiliziya kugira ngo bajye mu murima wayo, kugira ngo kandi ingo zacu nazo zibe inda zakira buri muhamagaro Nyagasani aduha.

Nyagasani Yezu, wowe Jambo w'Imana wigize umuntu, maze kuri Noheli ukigaragaza nk'urumuri rwa buri muntu, turakwinginze ngo uyu munsi wa none wongere uze gutura mu muryango wacu wa Rogate(nimusabe).

Wowe wahisemo Umubyeyi Maria nk'ubushyinguro bwo kwakira Ijambo ryawe, duhe natwe kumwigana twemerera Roho wawe gutura muri twe, kugira ngo tubyare ubuzima, ukwizera n'imihamagaro muri Kiliziya.

Twebwe Abari b'Umwete w'Imana, Abarogasiyonisti ndetse n'abalayiki dusangiye impano ya Rogate, tugusabye umugisha wawe, kugira ngo twese hamwe, mu mihamagaro yacu itandukanye, tubashe kuba umutima umwe no kugira ubutumwa bumwe.

Ubutumwa bwacu mu bato, mu bakene no mu rubyiruko buhe kurumbuka imbuto, kandi wemere ko buri gikorwa cy'urukundo, cyo gutanga uburere cyangwa cyo kwigisha inkuru nziza yawe, kiba urubuto rw'umuhamagaro rubibwe mu gitaka cy'isi.

Abasore n'inkumi batarabona inzira bafashe ubamurikire mu bitekerezo byabo, jyendana nabo mu bibatera ubwoba, bafungurire inzira babashe kwitangana ibyishimo. Bahe kwisanga iwacu mu Muryango wa Rogate nko mu rugo rubakira, rukabumva kandi rukajyendana nabo.

Twisunze ubuvugizi bw'Umubyeyi Bikira Mariya, Nyina w'imihamagaro, n'ubwa Mutagatifu Anibale, intumwa ya Rogate, turagusabye Nyagasani wowe Nyirimyaka ngo wohereze abakozi b'intungane muri Kiliziya kandi uvugurure muri buri wese muri twe inema y'umuhamagaro.

Dufashe kugira ngo mu isengesho no mu mwete dusangiye, tubashe gusangiza isi urukundo rwawe tubigirishije ubuzima bwacu, ubutumwa bwacu n'ibyishimo byacu. Amen.

Umugisha w'Ukaristiya

Indirimbo isoza

Production: Rogationists | Daughters of Divine Zeal
Writing: Sister Mariannna Bolognese, fdz
Translation: Fr. Eugène Ntawigenera, rcj
Art and editing: Fr. Reinaldo Leitão, rcj